# ISENGESHO RY'ISHAPURE

## A. ROZARI NTAGATIFU

Ishapure ya Rozari ni isengesho ridufasha kumara akanya twisunze Umubyeyi Bikira Mariya, tuzirikana ubuzima bwe n'ubwa Yezu hano ku isi. Yezu Umwana w'Imana wabyawe na Bikira Mariya aduha urugero rw'imibereho nyayo ikwiye abana b'Imana.

Mu ishapure tugenda twiyibutsa bimwe mu bihe by'ingenzi tubwirwa n'Ivanjiri, tukabizirikana, bikatuviramo isomo ry'uko dukwiye kubaho, tugasaba Imana ngo iduhe ingabire zo kubigeraho. *Urugero*: iyo twibutse ko Imana yigize umuntu, ikemera kwicisha bugufi, dusaba natwe ingabire yo kwiyoroshya.

Kuvuga ishapure si ugusubira incuro nyinshi mu isengesho rya Ndakuramutsa Mariya gusa; icy'ingenzi ahubwo ni ukuzivuga uzirikana icyo usaba wisunze Bikira Mariya.

**DORE UKO ISENGESHO RYA ROZARI RIKORWA**

Mu kuvuga rozari, utangirira ku kimenyetso cy'umusaraba, ugakurikizaho isengesho rya "Nemera Imana Data" kandi ukarivuga ufashe umusaraba wa rozari. Ibyo iyo birangiye, ujya ku isaro rinini rikurikiye umusaraba maze ukavuga "Dawe uri mu ijuru". Warangiza, ukajya ku masaro atatu akurikiyeho, maze ukavuga "Ndakuramutsa Mariya" imwe kuri buri saro. Warangiza, ukavuga "Hubahwe Imana Data". Ibyo iyo birangiye, ni bwo uvuga iyibukiro rya mbere mu yo ushaka kuzirikana, hanyuma umurwi wa mbere ugatangira.

Uwutangira uvuga "Dawe uri mu ijuru", ugakurikizaho "Ndakuramutsa Mariya icumi". Izo ndakuramutsa Mariya iyo zirangiye, usoza uvuga "Hubahwe Imana Data", wabishaka ukongeraho n'"Isengesho rya Fatima" (Yezu wacu). Bikomeza kugenda bityo, buri murwi ukagira iyibukiro bijyanye. Iyo urangije imirwi y'amibukiro aya n'aya, uba uvuze ishapure yose. Iyo urangije imirwi wahisemo kuvuga, ushobora kuvuga isengesho rya "Turakuramutsa Mwamikazi nyiribambe", n'"Isengesho rya Mikayire mutagatifu". Icyokora ayo masengesho uko ari abiri nta tegeko rihari ryo kuyavuga, uretse ko ari meza kandi akaba afite ingufu cyane. Byose bisozwa no kuvuga isengesho rya "Bikira Mariya Nyir'impuhwe", n'ikimenyetso cy'umusaraba.

Iteka, mbere yo kuvuga umurwi uyu n'uyu wa rozari, ugomba kugira icyo uzirikana ku buzima bwa Bikira Mariya na Yezu Kristu. Hari ingingo 20 ugomba kuzirikanaho, buri ngingo ikaba yitwa **iyibukiro**. Twongere twibutse ko habaho amibukiro y'ibyishimo,

amibukiro y'urumuri, amibukiro y'ishavu, n'amibukiro y'ikuzo, Kiriziya ikaba yaragiye igena iminsi ashobora kuzirikanwaho.

- ***Amibukiro yo kwishima:*** Tuzirikana ku byabaye Yezu akiri muto. Avugwa kuwa mbere no kuwa gatandatu.

1. Gaburiyeri Mutagatifu abwira Mariya ko azabyara Umwana w'Imana.

*- Dusabe ingabire yo koroshya.*

2. Bikira Mariya ajya gusuhuza Erizabeti Mutagatifu.

*- Dusabe ingabire yo gukundana.*

3. Yezu avukira i Beterehemu.

*- Dusabe ingabire yo kutita ku by'isi.*

4. Yezu aturwa Imana mu Ngoro Ntagatifu.

*- Dusabe ingabire yo kumvira abadutegeka.*

5. Bikira Mariya abona Yezu yigishiriza mu Ngoro Ntagatifu.

*- Dusabe ingabire yo kutiganyira kwigisha abantu.*

- ***Amibukiro y'urumuri:*** Tuzirikana ku byabaye Yezu agiye ahagaragara kugira ngo atangaze Ingoma y'Imana. Azirikanwa kuwa Kane.

1. Yezu abatirizwa muri Yorudani.

*- Dusabe ingabire yo gukomera ku masezerano ya Batisimu.*

2. Yezu agaragaza ububasha bwe mu bukwe bw'i Kana.

*- Dusabe ingabire yo kubaho mu budahemuka.*

3. Yezu atangaza Ingoma y'Imana.

*- Dusabe ingabire yo kugarukira Imana.*

4. Yezu yihindura ukundi.

*- Dusabe ingabire yo kumurangamira no kumwumvira.*

5. Yezu arema Ukaristiya.

*- Dusabe ingabire yo kumuhabwa neza.*

- ***Amibukiro y'ishavu***: Tuzirikana ububabare n'urupfu bya Yezu. Azirikanwa kuwa Kabiri no kuwa gatanu.

1. Yezu asambira mu murima w'i Getsemani.

*- Dusabe ingabire yo kwanga ibyaha.*

2. Yezu bamukubita.

- *Dusabe ingabire yo kutararikira ingeso mbi.*

3. Yezu bamutamiriza ikizingo cy'amahwa.

- *Dusabe ingabire yo kutinubira ibyago.*

4. Yezu aheka umusaraba.

- *Dusabe ingabire yo kwemera icyo Imana idutegeka.*

5. Yezu apfira ku musaraba.

- *Dusabe ingabire yo gukunda Yezu na Mariya.*

- ***Amibukiro y'ikuzo***: Tuzirikana ibyabaye Yezu amaze kuzuka. Avugwa kuwa Gatatu no ku Cyumweru.

1. Yezu azuka.

- *Dusabe ingabire yo gutunganira Imana.*

2. Yezu asubira mu Ijuru.

- *Dusabe ingabire yo kwifuza kuzajya mu ijuru.*

3. Roho Mutagatifu aza mu mitima y'Intumwa.

- *Dusabe ingabire yo gukomera ku mu kwemera.*

4. Bikira Mariya apfa akajyanwa mu Ijuru.

- *Dusabe ingabire yo gupfa neza*

5. Bikira Mariya yimakazwa

- *Dusabe ingabire yo kumwizera.*

## B. ISHAPURE Y'IMPUHWE Z'IMANA

Iyi shapure ivugwa hakoreshejwe ishapure isanzwe.

***Mu gutangira:***

Ikimenyetso cy'Umusaraba;

Dawe uri mu ijuru, .......

Ndakuramutsa Mariya, ......

Nemera Imana Data, ........

***Ku masaro aranga amibukiro (x1)***: Dawe Mana ihoraho, ngutuye umubiri n'amaraso, Roho n'ubumana by'umwana wawe ukunda cyane, Umwami wacu Yezu Kristu, ngira ngo mpongerere ibyaha byacu n'iby'isi yose.

***Ku masaro aranga za 'Ndakuramutsa Mariya (x10)***: Ku bw'ububabare bwe bu-kabije, tugirire impuhwe kandi uzigirire n'isi yose.

***Mu gusoza (x3)***: - Mana Nyir'ubutagatifu, Mana y'imbaraga, Mana ihoraho, tugirire impuhwe, kandi uzigirire n'isi yose.

- Hagataho isengesho rya **Yezu wacu,**
- Hanyuma, **Ikimenyetso cy'Umusaraba.**

## C. ISHAPURE Y'UBUBABARE BURINDWI BWA BIKIRA MARIYA

**Uko Ivugwa:**

Hatangira iri sengeho:

Mana yanjye, ngutuye iyi shapure y'ububabare, kubera ikuzo ryawe ritagatifu, ngo nubahe Umubyeyi wawe Mutagatifu mu kuzirikana no gusangira na we ububabare bwe. Ndakwinginze, umpe kwicuza ibyaha nakoze, umfashe kwitonda, umpe no kwicisha bugufi ngomba, ngo nshobore kuronka indurugensiya zose ziyirimo.

***Hakurikiraho:***

- Isengesho ryo kwicuza ibyaha : Nyagasani ibyaha nakugiriye byose…
- Ndakuramutsa Maria (x3)
- Mubyeyi ugira ibambe, ujye utwibutsa iminsi yose ibyababaje Yezu.

(Aha ushobora kubivuga mu magambo cyangwa mu ndirimbo)

***Hakurikiraho imibabaro: Hari imibabaro 7.***

1. Umusaza Semewoni ahanurira Bikira Mariya ibizababaza umutima we
2. Yezu bamuhungishiriza mu Misiri
3. Ibyababaje umutima wa Bikira Mariya igihe Yezu azimiye
4. Bikira Mariya ahura na Yezu ahetse umusaraba

5. Bikira Mariya ahagaze munsi y'Umusaraba wa Yezu
6. Bikira Mariya yakira umurambo wa Yezu mu maboko ye
7. Bikira Mariya ashyira umurambo wa Yezu mu mva.

**NB**: Nyuma ya buri mubabaro hanyuramo akanya gato ko kuzirikana; hanyuma hakavugwa 'Dawe uri mu ijuru' (1); hagagukurikiraho 'Ndakuramutsa Maria' (x7)

***Isengesho risoza ishapure y'ububabare:***

Mwamikazi w'abahowe Imana, roho yawe yashengukiye mu nyanja y'ububabare; Ndakwinginze kubera amarira wasutse muri icyo gihe cy'amayoberane, undonkere hamwe n'abanyabyaha bose ukwicuza gushyitse. Amen.

***Urangiza uvuga iri sengesho:***

Mutima wa Bikira Maria wababaye cyane kandi utasamanywe icyaha, Udusabire twe abaguhungiraho (x3).